

REPUBLIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA

ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA  
KWITABA URUKIKO



REPUBLIQUE DU RWANDA  
Au nom du Peuple Rwandais

Umwaka wa 2021, umunsi wa cumi na rimwe w'ukwezi kwa Mutarama;

Twebwe **HAKUZIMANA Jean Damascene**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na **MMUTABARUKA Alexandre** Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa **MAYIRA Hussein** mwene NYANDWI Jean na MUKAMUSONI Hamida wavutse kuwa 01/01/1969 ubarizwa mu Mudugudu wa Bwiza, Akagari ka Nyabikokora, Umurenge wa Kirehe, Akarere Kirehe, Intara y' Iburasirazuba;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa n° **RP/ECON 00070/2020/TGI/NGOMA** bukurikiranyeho **MAYIRA Hussein** icyaha cyo kurigisa umutugo, icyaha gitenywa kandi kigahanishwa n' inginmgo ya 10, y'itegeko no 54/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa, bikaza kugaragara ko atigeze abazwa na rimwe mu Bugenzacyaha no mu Bushinjacyaha nyuma yaho akorewe impapuro zimuhamagaza kwitaba ntabyubahirize;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'Itegeko n° 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanihirize y'imanza z'inshinjabyaha, iteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse **MAYIRA Hussein** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kuwa 22/02/2021 saa mbiri za mu gitondo kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo [www.judiciary.gov.rw](http://www.judiciary.gov.rw).

UMUCAMANZA

**HAKUZIMANA Jean Damascene**

UMWANDITSI

**MUTABARUKA Alexandre**